3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;

4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);

5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;

6° abangamira inyungu z'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

7° atacyujuje impamvu zashingiweho ashyirwa muri uwo mwanya;

8° apfuye.

**<u>Article 8</u>: Reasons for loss of membership in the High Council of the National Public Prosecution Authority**

A member of the High Council of the National Public Prosecution Authority ceases to exercise his or her duties if:

1° his/her term of office expires and is not re-elected;

2° he/she resigns in writing;

3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by a committee of three (3) authorized medical doctors;

4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;

5° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times without valid reasons;

6° he/she jeopardizes the interests of the High Council of the National Public Prosecution Authority;

7° he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment;

8° he/she dies.

**<u>Article 8</u> : Causes de perte de la qualité de membre au Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

Un membre du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire cesse ses fonctions si :

1° son mandat expire et il n'est pas réélu ;

2° il démissionne par écrit ;

3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par une commission de trois (3) médecins agréés ;

4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois ;

5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans raisons valables ;

6° il compromet les intérêts du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

7° il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé ;

8° il décède.

**Ingingo ya 9: Isimburwa ry'abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha**

Iyo umwe mu bagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha batorwa ayivuyemo hasigaye nibura umwaka umwe (1) ngo manda ye irangire, hakoreshwa irindi tora ry'ugomba kumusimbura mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye ku itariki Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwabimenyesherejeho Perezida w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Utowe arangiza igihe cya manda uwo asimbuye yari asigaje.

**Icyiciro cya 2: Inzego zigize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha n'inshingano zazo**

**Ingingo ya 10: Inzego zigize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha**

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha igizwe n'inzego zikurikira:

1° Inama Rusange;
2° Biro;
3° Komisiyo zihoraho.

**Article 9: Replacement of members of the High Council of the National Public Prosecution Authority**

If an elected member of the High Council of the National Public Prosecution Authority loses membership when his/her term of office has at least one (1) year before it expires, new elections to fill the vacancy is organised within thirty (30) days from the date the Executive Secretariat has notified the Chairperson of the High Council of the National Public Prosecution Authority of cessation of membership.

The elected member completes the remaining term of office of his/her predecessor.

**Section 2: Organs of the High Council of the National Public Prosecution Authority and their responsibilities**

**Article 10: Organs of the High Council of the National Public Prosecution Authority**

The High Council of the National Public Prosecution Authority has the following organs:

1° the General assembly;
2° the Bureau;
3° Permanent committees.

**Article 9 : Remplacement des membres du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

Si un membre élu du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire cesse d'être membre et qu'il lui restait au moins un (1) an avant l'expiration de son mandat, il est procédé à de nouvelles élections pour pourvoir à son remplacement dans un délai de trente (30) jours à compter de la date à laquelle le Secrétariat Exécutif l'a notifié au Président du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

Le membre élu achève le mandat de celui qu'il remplace.

**Section 2 : Organes du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire et leurs attributions**

**Article 10 : Organes du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

Le Conseil Supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire comprend les organes suivants :

1° l'Assemblée Générale ;
2° le Bureau ;
3° les Commissions permanents.

**Akiciro ka mbere: Inama Rusange**

**Ingingo ya 11: Abagize Inama Rusange**

Inama Rusange igizwe n'abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha bose.

**Ingingo ya 12: Inshingano z'Inama Rusange**

Inama Rusange ni rwo rwego rukuru rw'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Inama Rusange ifite inshingano zikurikira:

1° gufata icyemezo ku madosiye yerekeranye no kwinjira cyangwa kuva mu murimo w'ubushinjacyaha cyangwa uw'ubufasha bw'Ubushinjacyaha Bukuru;

2° kwemeza Abashinjacyaha bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe;

**Subsection One: General Assembly**

**Article 11: Composition of the General Assembly**

The General Assembly comprises all the members of the High Council of the National Public Prosecution Authority.

**Article 12: Responsibilities of the General Assembly**

The General Assembly is the supreme organ of the High Council of the National Public Prosecution Authority.

The General Assembly has the following responsibilities:

1° to make a decision on files related to taking or leaving the office of prosecution or national public prosecution authority assistance functions;

2° to approve the Prosecutors appointed by a Prime Minister's Order;

**Sous-section première : Assemblée Générale**

**Article 11 : Composition de l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale comprend tous les membres du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

**Article 12 : Attributions de l'Assemblée Générale**

L'Assemblée Générale est l'organe suprême du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

L'Assemblée Générale a les attributions suivantes :

1° prendre la décision sur les dossiers relatifs à la prise et à la cessation de fonctions de poursuite ou d'assistance à l'organe national de poursuite judiciaire ;

2° approuver les Procureurs nommés par arrêté du Premier ministre ;

3° gufatira ibihano Abashinjacyaha n'Abafasha b'Ubushinjacyaha Bukuru batitwara neza mu mirimo bashinzwe;

4° kwemeza amategeko ngengamikorere y'Ubushinjacyaha Bukuru n'ay'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

5° gusuzuma raporo y'ibikorwa no gutanga inama zatuma ibitagenda neza bikosorwa;

6° gutanga ibitekerezo ku bibazo byose byerekeye inshingano k'Ubushinjacyaha Bukuru;

7° kugira inama Umushinjacyaha Mukuru ku bibazo bifitanye isano n'ubushinjacyaha;

8° kugira inama Guverinoma ku bibazo bijyanye n'ubutabera mpanabyaha;

9° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'Ubushinjacyaha.

3° to take sanctions against Prosecutors and Assistants of National Public Prosecution Authority for misconduct in their functions;

4° to approve the rules of procedure of the National Public Prosecution Authority as well as the rules of procedure of the High Council of the national Public Prosecution Authority;

5° to evaluate activity reports and provide advice on how to address weaknesses;

6° to provide proposals on any matter related to responsibilities of the National Public Prosecution Authority;

7° to advise the Prosecutor General on matters related to prosecution;

8° to advise the Government on justice prosecutorial matters;

9° to approve the draft budget proposals of the National Public Prosecution Authority.

3° prendre des sanctions contre les Procureurs et Assistants de l'Organe national de Poursuite judiciaire pour méconduite dans leurs fonctions ;

4° approuver le règlement d'ordre intérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ainsi que le règlement d'ordre intérieur du Haut Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

5° évaluer le rapport d'activités et donner des conseils visant à pallier faiblesses ;

6° donner des propositions sur toutes les questions en rapport avec les attributions de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

7° donner des conseils au Procureur général sur des questions liées à la poursuite judiciaire ;

8° conseiller le Gouvernement sur les questions de poursuite judiciaire ;

9° approuver l'avant-projet du budget de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

**<u>Akiciro ka 2</u>: Biro**

**<u>Ingingo ya 13</u>: Abagize Biro**

Biro y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha igizwe na:

1° Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ari na we uyiyobora;

2° Umushinjacyaha Mukuru ari na we Visi-Perezida;

3° Abaperezida ba za Komisiyo zihoraho.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano za Biro**

Inshingano za Biro ni izi zikurikira:

1° gutegura inama z'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

2° kwita ku migendekere myiza y'inama z'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

**<u>Subsection 2</u>: Bureau**

**<u>Article 13</u>: Composition of the Bureau**

The Bureau of the High Council of the National Public Prosecution Authority comprises:

1° the Minister in charge of justice who serves as its Chairperson;

2° the Prosecutor General who serves as its Deputy Chairperson;

3° Chairpersons of the permanent Committees.

**<u>Article 14</u>: Responsibilities of the Bureau**

Responsibilities of the Bureau are:

1° to organize meetings of the High Council of the National Public Prosecution Authority;

2° to ensure the smooth running of meetings of the High Council of the National Public Prosecution Authority;

**<u>Sous-section 2</u> : Bureau**

**<u>Article 13</u> *:* Composition du Bureau**

Le Bureau du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire est composé :

1° du ministre ayant la justice dans ses attributions et qui en est le président ;

2° du Procureur général qui en est le Vice-président ;

3° des présidents des commissions permanentes.

**<u>Article 14 :</u> Attributions du Bureau**

Les attributions du Bureau sont les suivantes :

1° préparer les réunions du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite Judiciaire ;

2° assurer le bon déroulement des réunions du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

3° gushyira muri za komisiyo abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

4° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

5° guharanira imikoranire myiza hagati y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha n'izindi nzego z'Igihugu.

**<u>Akiciro ka 3</u>: Komisiyo zihoraho**

**<u>Ingingo ya 15</u>: Komisiyo zihoraho**

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha igizwe na Komisiyo zihoraho eshatu (3):

1° Komisiyo ishinzwe imyitwarire y'Abashinjacyaha n'Abafasha b'Ubushinjacyaha Bukuru;

2° Komisiyo ishinzwe umwuga w'Abashinjacyaha n'Abafasha b'Ubushinjacyaha Bukuru;

3° to appoint members of Committees of the High Council of the National Public Prosecution Authority;

4° to ensure the implementation of decisions of the High Council of the National Public Prosecution Authority;

5° to promote collaborative relationships between the High Council of the National Public Prosecution Authority and other Government institutions.

**<u>Subsection 3</u>: Permanent Committees**

**<u>Article 15</u>: Permanent Committees**

The High Council of the National Public Prosecution Authority comprises three (3) permanent Committees:

1° Committee in charge of discipline of Prosecutors and Assistants of the National Public Prosecution Authority;

2° Committee in charge of career Prosecutors and Assistants of the National Public Prosecution authority;

3° placer en Commissions les membres du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

4° s'assurer de la mise en application des décisions du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

5° promouvoir les relations de collaboration entre le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire et les autres institutions de l'État.

**<u>Sous-section 3</u> : Commissions Permanentes**

**<u>Article 15</u> : Commissions Permanentes**

Le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire et composé de trois (3) Commissions permanentes :

1° la Commission chargée de la discipline des Procureurs et des Assistants de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

2° la Commission chargée de la carrière des Procureurs et des Assistants de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

3° Komisiyo ishinzwe imikorere y'Ubushinjacyaha Bukuru.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ishobora gushyiraho komisiyo idasanzwe mu gihe isanze ari ngombwa ikanagena inshingano zayo n'igihe izamara.

Inshingano n'imikorere bya Komisiyo zigize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha bigenwa n'amategeko ngengamikorere yayo.

**Ingingo ya 16: Itorwa ry'abayobozi ba Komisiyo zihoraho**

Perezida na ba Visi Perezida ba Komisiyo zihoraho batorwa mu nama ya mbere y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Abakandida ku myanya ya Perezida na Visi Perezida wa Komisiyo batanga kandidatire zabo muri iyo nama. Batorwa mu ibanga ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abaje muri iyo nama. Iyo ubwo bwiganze burunduye butabonetse, itora risubirwamo ako kanya, bagatorwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi mu bakandida babiri (2) barushije abandi

3° Committee for the functioning of the National Public Prosecution Authority.

The High Council of the National Public Prosecution Authority may establish ad hoc Committee, if deemed necessary and specify its responsibilities and mandate.

Responsibilities and functioning of the Committees of the High Council of the National Public Prosecution Authority are determined by its internal rules and regulations.

**Article 16: Election of heads of the permanent Committees**

Chairpersons and Deputy Chairpersons of permanent Committees are elected in the first meeting of the High Council of the National Public Prosecution Authority.

Candidates for the posts of Chairperson and Deputy Chairperson of a Permanent Committee submit their candidacy during that meeting. They are elected by secret ballot by an absolute majority of the members present. When the absolute majority is not obtained, the voting is immediately repeated in accordance with the simple majority from the first two (2) winning

3° la Commission chargée du fonctionnement de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

Le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire peut créer une commission spéciale en cas de besoin et déterminer ses attributions ainsi que son mandat.

Les attributions et le fonctionnement des Commissions du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire sont déterminés par son règlement d'ordre intérieur.

**Article 16 : Élection des dirigeants des Commissions permanentes**

Les Présidents et Vice- Présidents des Commissions permanentes sont élus lors de la première réunion du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

Les candidats aux postes de Président et Vice-Présent d'une Commission permanente donnent leurs candidatures séance tenante. Ils sont élus au scrutin secret et à la majorité absolue des membres présents au Conseil. A défaut de cette majorité, il est immédiatement procédé à une nouvelle élection et ils sont élus à la majorité simple

amajwi mu itora ryabanje. Iyo banganyije amajwi hakoreshwa tombola kugira ngo hamenyekane uwegukanye umwanya.

candidates of the first round of voting. In case there is a tie vote, they draw lots to know the winner.

parmi les deux (2) premiers candidats ayant obtenu plus de voix au premier tour du scrutin. Dans le cas où il y a égalité des voix, ils font le tirage au sort pour connaître le gagnant.

Abagize Komisiyo bitoramo kandi Umwanditsi mu nama yayo ya mbere.

Members of the Commission elect among themselves a Rapporteur during its first meeting.

Les membres de la Commission élisent parmi eux un Rapporteur lors de sa première réunion.

**Icyiciro cya 3: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa**

**Section 3: Executive Secretariat**

**Section 3: Secrétariat Exécutif**

**Ingingo ya 17: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa**

**Article 17: Executive Secretariat**

**Article 17: Secrétariat Exécutif**

Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha bushinzwe imirimo ya buri munsi y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha kandi buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe nyuma y'ipiganwa.

The Executive Secretariat of the High Council of the National Public Prosecution Authority is responsible for the day to day activities of the High Council of the National Public Prosecution Authority and is headed by an Executive Secretary appointed by a Prime Minister's Order after competition.

Le Secrétariat Exécutif du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire est chargé de la gestion journalière des activités du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire, et est placé sous la responsabilité du Secrétaire Exécutif nommé par arrêté du Premier ministre après concours.

Mu mirimo ye Umunyamabanga Nshingwabikorwa agengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

In his/her duties, the Executive Secretary is governed by the General Statutes for Public Service.

Dans ses attributions, le Secrétaire Exécutif est régi par le statut général de la fonction publique.

Igihe bibaye ngombwa, abandi bakozi b'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Other staff members of the Executive Secretariat are appointed in accordance with the law.

En cas de besoin, d'autres membres du personnel du Secrétariat Exécutif sont nommés conformément à la loi.

bashyirwaho hakurijwe ibiteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 18: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa afite inshingano zikurikira:

1° kuba umwanditsi w'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha n'uwa Biro;

2° kwakira no gusuzuma inyandiko z'Abashinjacyaha n'Abafasha b'Ubushinjacyaha Bukuru biyamamariza kujya mu Nama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

3° kwakira no gusuzuma inyandiko z'abasaba akazi k'ubushinjacyaha n'abafasha b'Ubushinjacyaha Bukuru;

4° gutegura uburyo amarushanwa akorwa mu itangwa ry'akazi;

5° gutegura amadosiye azigwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

**Article 18: Duties of the Executive Secretary**

The Executive Secretary has the following duties:

1° to serve as the Rapporteur of the High Council of the National Public Prosecution Authority and the Bureau;

2° to receive and examine applications of Prosecutors and Assistants to National Public Prosecution Authority running for seats in the High Council of the National Public Prosecution Authority;

3° to receive and examine applications for the posts of Prosecutors and Assistants to the National Public Prosecution Authority;

4° to determine modalities for the organization of staff recruitment;

5° to prepare documents to be considered by the High Council of the National public Prosecution Authority;

**Article 18: Attributions du Secrétaire Exécutif**

Le Secrétaire Exécutif a les attributions suivantes :

1° être rapporteur du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire et du Bureau ;

2° recevoir et examiner les dossiers des Officiers de Poursuite judiciaire et des Assistants de l'Organe national de Poursuite judiciaire qui présentent leurs candidatures pour être membres du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

3° recevoir et examiner les dossiers des candidats aux postes d'Officier de Poursuite judiciaire et d'Assistant de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

4° déterminer les modalités d'organisation du recrutement du personnel ;

5° préparer les dossiers devant être examinés par le Conseil supérieur de

6° gutegura no kohereza inyandiko zitumira abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

7° kumenyesha ibyemezo by'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha abo bireba;

8° gukora indi mirimo yashingwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

**UMUTWE WA III: UBUBASHA N'IMIKORERE BY'INAMA NKURU Y'UBUSHINJACYAHA**

**Icyiciro cya mbere: Ububasha bw'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha**

6° to prepare and send meeting notices to members of the High Council of the National Public Prosecution Authority;

7° to notify decisions of the High Council of the National Public Prosecution Authority to concerned persons;

8° to perform other duties as may be assigned by the High Council of the National Public Prosecution Authority.

**CHAPTER III: POWERS AND FUNCTIONING OF THE HIGH COUNCIL OF THE NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY**

**Section One: Powers of the High Council of the National Public Prosecution Authority**

l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

6° préparer et envoyer les invitations à la réunion aux membres du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

7° notifier les décisions du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite Judiciaire aux personnes concernées ;

8° accomplir d'autres tâches lui assignées par le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

**CHAPITRE III : COMPÉTENCE ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL SUPÉRIEUR DE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE**

**Section première : Compétences du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

**Ingingo ya 19: Ububasha bw'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha**

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ifite ububasha bukurikira:

1° kwiga ku bibazo byerekeye imikorere y'Ubushinjacyaha Bukuru;

2° gutanga inama, ibyibwirije cyangwa ibisabwe, ku bibazo byose byerekeye imikorere y'ubutabera mpanabyaha;

3° gufata ibyemezo ku bijyanye n'umwuga w'Ubushinjacyaha n'imyitwarire y'Abashinjacyaha, Abafasha b'Ubushinjacyaha Bukuru n'abakozi bo mu Bushinjacyaha Bukuru bari mu bubasha bwayo, uretse Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije;

4° gutanga inama kuri kandidatire y'Umushinjacyaha Mukuru n'Umushinjacyaha mukuru Wungirije.

**Article 19: Powers of the High Council of the National Public Prosecution Authority**

The High Council of the National Public Prosecution Authority has the following powers:

1° to examine matters relating to the functioning of the National Public Prosecution Authority;

2° to provide advice, either on its own initiative or upon request, on all matters pertaining to the functioning of the criminal justice system;

3° to make decisions relating to the exercise of the prosecution function and the conduct of Prosecutors, Assistants to the National Public Prosecution Authority and personnel of the National Public Prosecution Authority falling within its jurisdiction with the exception of the Prosecutor General and the Deputy Prosecutor General;

4° to provide advice on the candidacy of the Prosecutor General and Deputy Prosecutor General.

**Article 19 : Compétence du Conseil Supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

Le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire a les compétences suivantes :

1° étudier les questions relatives au fonctionnement de l'Organe national de Poursuite judiciaire ;

2° donner, de sa propre initiative ou sur demande, des avis sur toute question en rapport avec le fonctionnement du système de justice pénale ;

3° prendre des décisions en rapport avec l'exercice des fonctions de poursuite Judiciaire et la conduite des Officiers de Poursuite judiciaire, des Assistants de l'Organe national de Poursuite judiciaire et du personnel de l'Organe national de Poursuite judiciaire relevant de sa compétence à l'exception du Procureur général et du Procureur général adjoint ;

4° donner des conseils sur la candidature du Procureur général et du Procureur général adjoint.

**Icyiciro cya 2: Imikorere y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha**

**Ingingo ya 20: Itumira n'iterana ry'inama z'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha**

Inama y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo, yaba adahari agasimburwa na Visi-Perezida.

Inyandiko itumira abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha, igaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa, isaha y'inama n'aho izabera, kandi yohererezwa abagize iyo nama iminsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko iterana.

Abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ntibemerewe guhagararirwa mu nama zayo.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha iterana mu nama isanzwe rimwe mu gihembwe iyo hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

**Section 2: Functioning of the High Council of the National Public Prosecution Authority**

**Article 20: Convening and holding meetings of the High Council of the National Public Prosecution Authority**

A meeting of the High Council of the National Public Prosecution Authority is convened and presided over by its Chairperson and in his/her absence, by the Deputy Chairperson.

The invitation letter addressed to members of the High Council of the National Public Prosecution Authority specifies the agenda, time and venue and is sent to its members fifteen (15) days before the meeting.

Members of the High Council of the National Public Prosecution Authority are not authorized to be represented in its meetings.

The High Council of the National Public Prosecution Authority holds its ordinary meeting once a quarter if at least two thirds (2/3) of its members are present.

**Section 2 : Fonctionnement du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

**Article 20 : Convocation et tenue des réunions du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

La réunion du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire est convoquée et présidée par son Président, en cas d'empêchement ou d'absence, par le Vice-Président.

La convocation indiquant l'ordre du jour, l'heure et le lieu de la réunion du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire est adressée aux membres quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Les membres du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ne sont pas autorisés à se faire représenter dans ses réunions.

Le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire se tient une fois par trimestre si au moins les deux tiers (2/3) de ses membres sont présents.

Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri umubare wa ngombwa ntuboneke iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ishobora kandi guterana mu nama idasanzwe, igihe cyose bibaye ngombwa, biturutse kuri Perezida wayo cyangwa se bisabwe nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. Icyo gihe isuzuma gusa ibiteganyijwe ku murongo w'ibyigwa, kandi igihe cyo gutumiza inama kivugwa mu gika cya kabiri (2) cy'iyi ngingo gishobora kutubahirizwa.

**<u>Ingingo ya 21</u>: Ifatwa ry'ibyemezo**

Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye, bitashoboka, ibyemezo bigafatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahari. Icyakora, icyemezo cyo gukura ku murimo Umushinjacyaha gifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by'amajwi y'abahari hakoreshejwe itora rikozwe mu ibanga.

Ibyemezo by'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha bishyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi bayo bigahita bishyirwa mu bikorwa, keretse iyo hari urundi rwego rugomba kubifataho umwanzuro. Icyakora,

However, when a meeting is convened for the second time, it takes place regardless of its members present.

The High Council of the National Public Prosecution Authority may also hold an extraordinary session, whenever necessary, either on the Chairperson's initiative or upon request by at least one third (1/3) of its members. In that case, it only considers items on the agenda and the deadline for invitation to the meeting provided under Paragraph 2 of this Article may not apply.

**<u>Article 21</u>: Making decisions**

The High Council of the National Public Prosecution Authority takes decisions by consensus; otherwise, the decisions are taken by an absolute majority of the members present. However, a decision to remove a Prosecutor from office is taken by a majority vote of two thirds (2/3) of the members present through secret ballot.

The decisions of the High Council of the National Public Prosecution Authority are signed by its Chairperson and the Rapporteur and are immediately implemented unless they are subject to the approval by another authority.

Toutefois, lorsque la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient sans considération du nombre de ses membres présents.

En cas de nécessité, une réunion extraordinaire du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire peut également se tenir, soit à l'initiative du Président, soit à la demande d'au moins un tiers (1/3) de ses membres. Dans ce cas, elle n'examine que les points inscrits à l'ordre du jour et les délais prévus à l'alinéa 2 du présent article pour l'invitation à la réunion peuvent ne pas être applicables.

**<u>Article 21</u> : Prise de décisions**

Les décisions du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire sont prises par consensus et à défaut à la majorité absolue des voix des membres présents. Toutefois, la révocation d'un Officier de Poursuite judiciaire est décidée à la majorité des deux tiers (2/3) de voix des membres présents par un vote secret.

Les décisions du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire sont signées par son Président et par son Rapporteur et sont immédiatement exécutoires si elles ne sont pas subordonnées

ibyo byemezo bigomba kubanza kumenyeshwa uwo byafatiwe.

However, these decisions must first be notified to the concerned party.

à l'approbation d'une autre autorité. Toutefois, ces décisions doivent être préalablement notifiées au concerné.

**Ingingo ya 22: Inyandikomvugo**

Inama **y**'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ikorerwa inyandikomvugo, igashyirwaho umukono na Perezida n'Umwanditsi bayo.

Inyandikomvugo yohererezwa abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) ibarwa uhereye ku munsi inama yabereyeho.

**Article 22: Minutes**

The meeting of the High Council of the National Public Prosecution Authority is recorded in minutes which are signed by its Chairperson and the Rapporteur.

Such minutes are submitted to all members of the High Council of the National Public Prosecution Authority within thirty (30) days from the date the meeting was held.

**Article 22 : Procès-verbaux**

Les réunions du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire font l'objet de procès-verbaux signés par le Président et le Rapporteur.

Procès-verbaux sont transmis à tous les membres du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire endéans trente (30) jours de la tenue de la réunion.

**Ingingo ya 23: Kugira ibanga ry'ibyavugiwe mu nama**

Abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha n'abandi bose bakurikiranye imirimo y'inama yayo bagomba kugira ibanga ry'ibyayivugiwemo, mu gihe bakiri muri iyo mirimo ndetse na nyuma yaho.

Umuntu wese umena ibanga ry'ibyavugiwe mu nama y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ahanwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

**Article 23: Professional secrecy**

Members of the High Council of the National Public Prosecution Authority and any other person attending its meetings are bound to the secrecy of matters discussed once in service and after the term of their office.

Any person who discloses the secret on matters discussed in the meeting of the High Council of the National Public Prosecution Authority is punished in accordance with the law.

**Article 23 : Secret professionnel**

Les membres du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire ainsi que toutes les autres personnes qui assistent à ses réunions, sont tenus au secret des affaires discutées une fois en service et après le mandat de leurs fonctions.

Toute autre personne qui divulgue le secret de ce qui a été discuté dans la réunion du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire est punie conformément à la loi.

**Ingingo ya 24: Amafaranga agenewe imirimo y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha**

Amafaranga agenewe imirimo y'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ateganywa mu ngengo y'imari y'Ubushinjacyaha Bukuru.

**Ingingo ya 25: Ibigenerwa abitabiriye inama**

Iteka rya Perezida rigena ibigenerwa abagize Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha bitabiriye inama zayo n'iza Komisiyo.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 26: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 24: Funds allocated to functioning of the High Council of the National Public Prosecution Authority**

The funds budgeted for the functioning of the High Council of the National Public Prosecution Authority are included in the budget of the National Public Prosecution Authority.

**Article 25: Sitting allowance**

A Presidential Order determines the sitting allowances for members of the High Council of the National Public Prosecution Authority present in its meetings and those of its committees.

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**Article 26: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 24 : Fonds alloués au fonctionnement du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

Les fonds destinés au fonctionnement du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire sont prévus au budget de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

**Article 25 : Jetons de présence**

Un arrêté présidentiel détermine les jetons de présence alloués aux membres du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire présents à ses réunions et à celles de ses commissions.

**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES**

**Article 26 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**<u>Ingingo ya 27</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 28</u>: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

Kigali, ku wa 04/04/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**<u>Article 27</u>: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**<u>Article 28</u>: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 04/04/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

**<u>Article 27</u> : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Article 28</u> : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 04/04/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO Nº 016/2018 RYO KU WA 13/04/2018 RISHYIRAHO IMISORO KU MUSARURO**

**LAW Nº 016/2018 OF 13/04/2018 ESTABLISHING TAXES ON INCOME**

**LOI Nº 016/2018 DU 13/04/2018 ÉTABLISSANT LES IMPÔTS SUR LE REVENU**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 3:Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 4: Aho umuntu atuye**

**Ingingo ya 5: Inkomoko y'umusaruro usoreshwa**

**Ingingo ya 6: Icyicaro gihoraho**

**Ingingo ya 7: Isubizwa ry'imisoro yishyuwe mu mahanga**

**Ingingo ya 8: Igihe cy'umusoro**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Scope of this Law**

**Article 3: Definitions of terms**

**Article 4: Residence**

**Article 5: Source of taxable income**

**Article 6: Permanent establishment**

**Article 7: Foreign tax credit refund**

**Article 8: Tax period**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Champ d'application de la présente loi**

**Article 3: Définitions des termes**

**Article 4: Résidence**

**Article 5: Source de revenu imposable**

**Article 6: Établissement stable**

**Article 7: Remboursement du crédit d'impôt étranger**

**Article 8: Période imposable**

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA II: UMUSORO KU MUSARURO W'UMUNTU KU GITI CYE** | **CHAPTER II: PERSONAL INCOME TAX** | **CHAPITRE II: IMPÔT SUR LE REVENU D'UNE PERSONNE PHYSIQUE** |
| **Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange** | **Section One: General provisions** | **Section première: Dispositions générales** |
| **Ingingo ya 9: Ishingiro ry'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **Article 9: Base of personal income tax** | **Article 9: Base de l'impôt sur le revenu d'une personne physique** |
| **Ingingo ya 10: Inshingano z'urebwa n'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **Article 10: Obligations of the taxpayer of personal income tax** | **Article 10: Obligations du contribuable sur le revenu de la personne physique** |
| **Ingingo ya 11: Umusaruro usoreshwa** | **Article 11: Taxable income** | **Article 11: Revenu imposable** |
| **Ingingo ya 12: Igipimo cy'umusoro** | **Article 12: Tax rate** | **Article 12: Taux d'imposition** |
| **Ingingo ya 13: Imenyekanisha ry'umusoro** | **Article 13: Tax declaration** | **Article 13: Déclaration d'impôt** |
| **Ingingo ya 14: Kwishyura umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye** | **Article 14: Payment of personal income tax** | **Article 14: Paiement de l'impôt sur le revenu de la personne physique** |
| **Icyiciro cya 2: Umusaruro ukomoka ku kazi** | **Section 2: Employment income** | **Section 2: Revenu d'emploi** |
| **Ingingo ya 15: Ibigize umusaruro ukomoka ku kazi** | **Article 15: Components of employment income** | **Article 15: Composantes du revenu d'emploi** |
| **Ingingo ya 16: Ibisonewe umusoro ku musaruro ukomoka ku kazi** | **Article 16: Payments exempted from employment income tax** | **Article 16: Paiements exonérés de l'impôt sur le revenu d'emploi** |
| **Ingingo ya 17: Abasonewe umusoro ku musaruro ukomoka ku kazi** | **Article 17: Persons exempted from employment income tax** | **Article 17: Personnes exonérées de l'impôt sur le revenu d'emploi** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 18: Umusaruro utangwa mu bintu** | **Article 18: Benefits in kind** | **Article 18: Avantages en nature** |
| **Icyiciro cya 3: Inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi** | **Section 3: Business profits** | **Section 3: Bénéfices d'affaires** |
| **Ingingo ya 19: Ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi** | **Article 19: Computation of business profit** | **Article 19: Calcul des bénéfices d'affaires** |
| **Ingingo ya 20: Isonerwa ry'umusoro ku musaruro ukomoka ku bwizigame n'imigabane y'abakozi mu isosiyete bakoramo** | **Article 20: Tax exemption for income accrued from savings and employees' shares scheme within a company** | **Article 20: Exonération d'impôt sur le revenu résultant d'épargne et d'actions des employés au sein d'une société** |
| **Ingingo ya 21: Isonerwa ry'umusoro ku musaruro ukomoka ku bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi** | **Article 21: Tax exemption for profit on agricultural and livestock activities** | **Article 21: Exonération d'impôt sur le revenu obtenu sur des activités agricoles et d'élevage** |
| **Ingingo ya 22: Ibaruramari ku bikorwa by'ubucuruzi biciriritse** | **Article 22: Accounting for small business** | **Article 22: Comptabilité pour les petites entreprises** |
| **Ingingo ya 23: Inyungu zikomoka ku mutungo uri mu mafaranga y'amahanga** | **Article 23: Profit on assets in foreign currency** | **Article 23: Bénéfices sur les avoirs en devises** |
| **Ingingo ya 24: Ibarwa ry'inyungu zikomoka ku bikorwa by'ubucuruzi bigengwa n'amasezerano y'igihe kirekire** | **Article 24: Computation of profits of a business bound by long-term contract** | **Article 24: Calcul des bénéfices d'affaires liées par un contrat à long terme** |
| **Ingingo ya 25: Ibikurwa mu musaruro usoreshwa** | **Article 25: Deductions from taxable income** | **Article 25: Déductions des revenus imposables** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 26: Ibidakurwa mu musaruro usoreshwa** | **Article 26: Non-deductible expenses from taxable income** | **Article 26: Dépenses non déductibles du revenu imposable** |
| **Ingingo ya 27: Agaciro k'ibicuruzwa biri mu bubiko** | **Article 27: Trading stock value** | **Article 27: Valeur des stocks commerciaux** |
| **Ingingo ya 28: Ubwicungure** | **Article 28: Depreciation** | **Article 28: Amortissement** |
| **Ingingo ya 29: Agaciro fatizo k'ubwicungure** | **Article 29: Depreciation basis** | **Article 29: Base d'amortissement** |
| **Ingingo ya 30: Ibitangwa ku mahugurwa no ku bushakashatsi** | **Article 30: Training and research expenses** | **Article 30: Dépenses de formation et de recherche** |
| **Ingingo ya 31: Imyenda itizewe kwishyurwa** | **Article 31: Bad debts** | **Article 31: Créances irrécouvrables** |
| **Ingingo ya 32: Iyimuragihombo** | **Article 32: Loss carried forward** | **Article 32: Report des pertes** |
| **Ingingo ya 33: Ihererekanya ry'ibiciro hagati y'abantu bafitanye isano** | **Article 33: Transfer pricing between related persons** | **Article 33: Prix de transfert entre personnes liées** |
| **Ingingo ya 34: Amafaranga yishyurwa mbere buri gihembwe** | **Article 34: Quarterly prepayment** | **Article 34: Acomptes trimestriels** |
| **Icyiciro cya 4: Umusaruro ukomoka ku ishoramari** | **Section 4: Investment income** | **Section 4: Revenu des investissements** |
| **Ingingo ya 35: Ibigize umusaruro ukomoka ku ishoramari** | **Article 35: Components of investment income** | **Article 35: Composantes du revenu des investissements** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 36: Umusoro ku gaciro kiyongereye** | **Article 36: Capital gain tax** | **Article 36: Impôt sur la plus-value** |
| **Ingingo ya 37: Igipimo cy'umusoro wakwa ku gaciro kiyongereye** | **Article 37:Tax rate on capital gain** | **Article 37: Taux d'impôt sur la plus-value** |
| **Ingingo ya 38: Ifatira n'imenyekanisha ry'umusoro ku gaciro kiyongereye** | **Article 38: Withholding and declaration of capital gain tax** | **Article 38: Retenue et déclaration de l'impôt sur la plus-value** |
| **Ingingo ya 39: Isonerwa ry'umusoro ku gaciro kiyongereye** | **Article 39: Exemption from capital gain tax** | **Article 39: Exonération de l'impôt sur la plus-value** |
| **Ingingo ya 40: Inyungu zo mu rwego rw'imari** | **Article 40: Financial income** | **Article 40: Revenu financier** |
| **Ingingo ya 41: Inyungu ku migabane** | **Article 41: Dividend income** | **Article 41: Revenu sous forme de dividendes** |
| **Ingingo ya 42: Umusaruro ukomoka ku mutungo bwite mu by'ubwenge** | **Article 42: Royalty income** | **Article 42: Revenu sous forme de redevances** |
| **Ingingo ya 43: Isoresha ry'inyungu zikomoka ku bukode** | **Article 43: Taxation of rental income** | **Article 43: Imposition du revenu locatif** |
| **UMUTWE WA III: UMUSORO KU NYUNGU Z'AMASOSIYETE** | **CHAPTER III: CORPORATE INCOME TAX** | **CHAPITRE III: IMPÔTS SUR LES BÉNÉFICES DES SOCIÉTÉS** |
| **Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange** | **Section one: General provisions** | **Section première: Dispositions générales** |
| **Ingingo ya 44: Ishingiro ry'umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **Article 44: Base for corporate income tax** | **Article 44: Assiette de l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 45: Abasoreshwa** | **Article 45: Taxpayers** | **Article 45: Contribuables** |
| **Ingingo ya 46: Ibigo bisonewe umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **Article 46: Entities which are exempted from corporate income tax** | **Article 46: Entités exonérées de l'impôt sur les bénéfices des sociétés** |
| **Ingingo ya 47: Ibigo bitanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya zeru** | **Article 47: Zero-rated entities** | **Article 47: Entités imposées au taux zéro** |
| **Ingingo ya 48: Ibirebwa n'inshingano yo kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **Article 48: Scope of tax liability to corporate income tax** | **Article 48: Champ d'application de l'obligation fiscale sur les bénéfices des sociétés** |
| **Ingingo ya 49: Igipimo cy'umusoro ku nyungu z'amasosiyete** | **Article 49: Corporate income tax rate** | **Article 49: Taux d'imposition sur les bénéfices des sociétés** |
| **Ingingo ya 50: Imenyekanisha ry'umusoro** | **Article 50: Tax declaration** | **Article 50: Déclaration de l'impôt** |
| **Icyiciro cya 2: Inyungu z'amasosiyete** | **Section 2: Corporate income** | **Section 2: Bénéfices des sociétés** |
| **Ingingo ya 51: Isoresha ry'inyungu z'amasosiyete** | **Article 51: Corporate income taxation** | **Article 51: Imposition des bénéfices des sociétés** |
| **Ingingo ya 52: Isoresha ry'umusaruro ukomoka ku bukode bw'umutungo wimukanwa n'utimukanwa** | **Article 52: Taxation of income from the rent of movable and immovable assets** | **Article 52: Imposition du revenu provenant de la location des biens meubles et immeubles** |
| **Ingingo ya 53: Ivugururwa ry'amasosiyete** | **Article 53: Corporate restructuring** | **Article 53: Restructuration des sociétés** |
| **Ingingo ya 54: Isoresha ry'amasosiyete yavuguruwe** | **Article 54: Taxation of restructured companies** | **Article 54: Imposition des sociétés restructurées** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 55: Isoresha mu gihe cy'iseswa ry'isosiyete** | **Article 55: Taxation in case of liquidation** | **Article 55: Imposition en cas de liquidation** |
| **UMUTWE WA IV: IMISORO IFATIRWA** | **CHAPTER IV: WITHHOLDING TAXES** | **CHAPITRE IV: IMPÔTS RETENUS À LA SOURCE** |
| **Ingingo ya 56: Umusoro ufatirwa ku musaruro ukomoka ku kazi** | **Article 56: Withholding tax on employment income** | **Article 56: Impôt retenu à la source sur le revenu de l'emploi** |
| **Ingingo ya 57: Abafite inshingano yo gufatira no kwishyura umusoro ku musaruro ukomoka ku kazi** | **Article 57: Persons responsible for applying a withholding tax on employment income** | **Article 57: Personnes responsables de pratiquer la retenue à la source de l'impôt sur le revenu de l'emploi** |
| **Ingingo ya 58: Igihe umukozi amenyekanisha akaniyishyurira umusoro ku musaruro ukomoka ku kazi** | **Article 58: Time period over which the declaration and payment of the tax on employment income are made by the employee** | **Article 58: Période de déclaration et de paiement de l'impôt sur les revenus d'emploi par l'employé** |
| **Ingingo ya 59: Umusoro ufatirwa ku mafaranga y'insimburamubyizi** | **Article 59: Tax on sitting allowance** | **Article 59: Impôt sur les jetons de présence** |
| **Ingingo ya 60: Umusoro ufatirwa ku bwishyu cyangwa ubundi buryo bwo kurangiza inshingano** | **Article 60: Withholding tax on payments or other methods of extinguishing an obligation** | **Article 60: Impôt retenu à la source sur les paiements ou autres modes d'extinction d'une obligation** |
| **Ingingo ya 61: Umusoro ufatirwa ku bintu byatumijwe mu mahanga bigenewe gucuruzwa** | **Article 61: Withholding tax on goods imported for commercial use** | **Article 61: Impôt retenu à la source sur des importations des biens à usage commercial** |
| **Ingingo ya 62: Umusoro ufatirwa ku masoko ya Leta** | **Article 62: Withholding tax on public tenders** | **Article 62: Impôt retenu à la source opérée sur les marchés publics** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 63: Igihe cyo kumenyekanisha imisoro ifatirwa** | **Article 63: Time for declaration of withholding taxes** | **Article 63: Délai de la déclaration des impôts retenus à la source** |
| **Ingingo ya 64: Abasonewe imisoro ifatirwa** | **Article 64: Persons exempted from withholding taxes** | **Article 64: Personnes exonérées d'impôts retenus à la source** |
| **Ingingo ya 65: Kudafatira umusoro** | **Article 65: Failure to withhold tax** | **Article 65: Défaut de retenir l'impôt** |
| **Ingingo ya 66: Inyandiko z'amafaranga yishyuwe hamwe n'umusoro wafatiriwe** | **Article 66: Records of payments and tax withheld** | **Article 66: Pièces justificatives des paiements et de l'impôt retenu** |
| **UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA** | **CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 67: Kugabanya cyangwa gukuraho umusoro mu rwego rw'ishoramari** | **Article 67: Tax reduction or exemption on investment** | **Article 67: Réduction ou exonération de l'impôt pour l'investissement** |
| **Ingingo ya 68: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 68: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 68: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 69: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 69: Repealing provision** | **Article 69: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 70: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 70: Commencement** | **Article 70: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO Nº 016/2018 RYO KU WA 13/04/2018 RISHYIRAHO IMISORO KU MUSARURO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 25 Mutarama 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120; iya 164 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko n°16/2005 ryo ku wa 18/08/2005 rigena imisoro itaziguye ku

**LAW Nº 016/2018 OF 13/04/2018 ESTABLISHING TAXES ON INCOME**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 25 January 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 164 and 176;

Having Reviewed Law nº16/2005 of 18/08/2005 on direct taxes on income as modified and complemented to date;

**LOI Nº 016/2018 DU 13/04/2018 ÉTABLISSANT LES IMPÔTS SUR LE REVENU**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 25 janvier 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 164 et 176;

Revu la Loi nº16/2005 du 18/08/2005 relative aux impôts directs sur le revenu telle que modifiée et complétée à ce jour;

musaruro nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho imisoro ku musaruro.

**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rireba imisoro ku musaruro ikurikira:

1° umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye;

2° umusoro ku nyungu z'amasosiyete;

3° umusoro ufatirwa;

4° umusoro ku gaciro kiyongereye.

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes taxes on income.

**Article 2: Scope of this Law**

This Law relates to the following taxes on income:

1° personal income tax;

2° corporate income tax;

3° withholding tax;

4° capital gain tax.

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi établit les impôts sur le revenu.

**Article 2: Champ d'application de la présente loi**

La présente loi porte sur les impôts sur le revenu suivants:

1° impôt sur le revenu des personnes physiques;

2° impôt sur les bénéfices des sociétés;

3° impôt retenu à la source;

4° impôt sur la plus-value.

**<u>Ingingo ya 3</u>:Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **amasezerano y'igihe kirekire:** amasezerano yo gukora, gushyiraho cyangwa kubaka, cyangwa gukora imirimo ifite isano na kimwe muri ibyo bikorwa atarangiye mu gihe cy'umusoro akazi kajyanye n'ayo masezerano katangiyemo, uretse amasezerano ateganyijwe kurangizwa mu mezi cumi n'abiri (12) uhereye ku itariki akazi kajyanye na yo katangiriyeho;

2° **ibikorwa by'ubucuruzi biciriritse:** imirimo y'ubucuruzi ibyara amafaranga y'ibyacurujwe ari hagati ya miliyoni cumi n'ebyiri n'ifaranga rimwe (12.000.001Frw) na miliyoni makumyabiri (20.000.000Frw) z'amafaranga y'u Rwanda kuri buri gihe cy'umusoro;

3° **ibikorwa by'ubucuruzi bito:** imirimo y'ubucuruzi ibyara amafaranga y'ibyacurujwe angana cyangwa ari munsi ya miliyoni icumi n'ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (12.000.000 Frw) kuri buri gihe cy'umusoro;

**<u>Article 3</u>: Definitions**

For the purposes of this Law, the following terms shall have the following meanings:

1° **long term contract:** a contract for manufacture, installation or construction, or for the performance of related services, which is not completed in the tax period in which work under the contract commenced, excluding contracts estimated to be completed within the twelve (12) months as of the date on which work under the contract commenced;

2° **small business:** business activities which result into a turnover ranging between twelve million and one Rwandan francs (Frw 12,000,001) and twenty million Rwandan francs (Frw 20,000,000) per each tax period;

3° **micro-enterprise:** business activities which result into a turnover equal to or of less than twelve million Rwandan francs (Frw 12,000,000) per each tax period;

**<u>Article 3</u>: Définitions**

Aux fins de la présente loi, les termes suivants ont les significations suivantes:

1° **contrat à long terme:** contrat de fabrication, d'installation ou de construction ou de prestations de services relatifs à ces activités, qui n'est pas terminé au cours de la période imposable durant laquelle il a commencé, à l'exclusion des contrats dont l'achèvement est prévu dans les douze (12) mois qui suivent leur commencement;

2° **petite entreprise:** activités commerciales dont le chiffre d'affaires est compris entre douze millions et un francs rwandais (12.000.001 Frw) et vingt million de francs rwandais (20.000.000 Frw) par chaque période imposable;

3° **micro-entreprise:** activités commerciales dont le chiffre d'affaires est égal ou inférieur à douze millions de francs rwandais (12.000.000 Frw) par chaque période imposable;

4° **icyicaro gihoraho:** ahantu hazwi hakorerwa imirimo y'ubucuruzi ibyara umusaruro mu buryo buhoraho, ikorwa yose cyangwa igice cyayo;

5° **igikorwa kigenzurwa:** igikorwa icyo ari cyo cyose gikozwe hagati y'abantu bafitanye isano kigamije kubyara umusaruro;

6° **ihame ry'ihiganwa risesuye:** ihame riteganya ko ibisabwa ku gikorwa gihuriweho n'abantu bafitanye isano kigamije kubyara umusaruro bidatandukana n'ibyasabwa hagati y'abantu badafitanye isano mu bikorwa bimwe bikozwe mu bihe bimwe no mu buryo bumwe;

7° **ihererekanya ry'ibiciro:** ibisabwa, harimo n'ibiciro by'ibikorwa by'ubucuruzi cyangwa imari hagati y'abantu bafitanye isano, baba batuye mu Gihugu cyangwa mu mahanga;

8° **ikigega cya pansiyo cyemewe:** ikigega cyose, uretse Ikigo cya Leta gifite Ubwiteganyirize mu nshingano zacyo,cyujuje ibi bikurikira:

a. cyashyizweho hakurikijwe amategeko y'u Rwanda;

4° **permanent establishment:** a known fixed place of business through which the business which gives rise to income is wholly or partially carried on;

5° **controlled transaction:** any income-generating transaction carried out between related persons;

6° **arm's length principle:** a principle according to which the conditions of the income-generating transaction between related persons do not differ from the conditions that would have been applied between independent persons in comparable transactions carried out under comparable circumstances;

7° **transfer pricing:** conditions, including the prices of commercial or financial transactions between related persons, whether residing in the country or abroad;

8° **qualified pension fund:** any fund, with the exception of the public institution in charge of social security, which fulfils the following conditions:

a. established according to Rwandan laws;

4° **établissement stable:** installation fixe d'affaires par l'intermédiaire de laquelle une personne exerce tout ou partie de ses activités génératrices de revenus;

5° **transaction contrôlée:** toute transaction génératrice de revenus effectuée entre personnes liées;

6° **principe de pleine concurrence:** principe selon lequel les conditions de la transaction génératrice de revenus entre les personnes liées ne diffèrent pas de celles qui auraient été appliquées entre des personnes indépendantes dans des transactions comparables effectuées dans des circonstances comparables;

7° **prix de transfert:** conditions, y compris les prix des transactions commerciales ou financières entre personnes liées, résidant dans le pays ou à l'étranger;

8° **fonds de pension qualifié:** tout fonds, à l'exception de l'institution publique ayant la sécurité sociale dans ses attributions, remplissant les conditions suivantes:

a. constitué conformément à la loi rwandaise;

b. gikoreshwa hagamijwe guteganyiriza pansiyo ku bantu batuye mu Gihugu cyangwa mu mahanga;

c. gifite ubuyobozi bwemewe mu Rwanda igihe icyo ari cyo cyose mu gihe cy'umusoro;

9° **ikigo cy'imari gitsura amajyambere cyo mu mahanga:** ikigo gikora imirimo y'imari gikoresha amafaranga ya Leta, gifatirwa ibyemezo by'ubuyobozi n'intumwa za Leta kandi intego zacyo zikaba zishingiye ku nyungu rusange, nk'iterambere rirambye no kurwanya ubukene;

10° **Minisitiri:** Minisitiri ufite imisoro mu nshingano ze;

11° **nyakabyizi:** umuntu ukora imirimo itagomba ubuhanga bwihariye uhawe akazi n'umukoresha mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikurikirana mu gihe cy'umusoro;

12° **umukoresha:** umuntu wese wishyura umukozi umusaruro ukomoka ku murimo yamukoreye cyangwa azamukorera;

b. operated for the purpose of providing pension payments to residents in the country or abroad;

c. has effective management in Rwanda at any time during the tax period;

9° **foreign development financial institution:** institution carrying out financial activities with public funds, for which administrative decisions are made by Government representatives and having public interest missions, such as sustainable development and poverty reduction;

10° **Minister:** the Minister in charge of taxes;

11° **casual employee:** a person who performs labour that does not require special skills, and who is employed by an employer for an aggregate period not exceeding thirty (30) days during a tax period;

12° **employer:** any person who pays to a worker income arising from the work he/she performed or will perform for him/her;

b. dont la fonction est de collecter les frais de pensions pour les résidents dans le pays ou à l'étranger;

c. a la direction effective au Rwanda pendant toute la période imposable concernée;

9° **institution financière étrangère de développement:** institution menant des activités financières avec les fonds publics, dont les décisions administratives sont prises par des représentants du gouvernement et ayant missions d'intérêt général, comme le développement durable et la réduction de la pauvreté;

10° **Ministre:** Ministre ayant les impôts dans ses attributions;

11° **employé occasionnel:** personne qui effectue un travail ne requérant pas de connaissances particulières et qui est engagée par un employeur pour une période cumulée ne dépassant pas trente (30) jours au cours d'une période imposable;

12° **employeur:** toute personne qui paie à un travailleur un revenu découlant du travail qu'il a accompli ou qu'il accomplira pour elle;

13°**umukoresha w'ibanze:** umukoresha wishyura umukozi umusaruro ku mwaka ukomoka ku kazi gahoraho cyangwa ku masezerano y'igihe kirekire kurusha atangwa n'abandi bakoresha;

14°**umukozi:** umuntu wese wiyemeje gukorera undi umurimo, ahabwa igihembo, akayoborwa kandi akagendera ku mabwiriza y'umukoresha we ajyanye n'umurimo akora;

15°**umuntu:** umuntu ku giti cye, amasosiyete, amasosiyete adafite ubuzimagatozi, amakoperative, ubufatanye mu mirimo igamije inyungu butari isosiyete, amasosiyete-shami, ibyicaro bihoraho n'abandi bantu bakwishyira hamwe mu buryo ubwo aribwo bwose;

16°**umuntu ufitanye isano n'undi:** umuntu uwo ari we wese ukora cyangwa ushobora gukora akurikije amabwiriza, ibitekerezo cyangwa ibyifuzo by'undi muntu igihe ayo mabwiriza, ibyo bitekerezo cyangwa ibyo byifuzo byabagejejweho cyangwa bitabagejejweho. By'umwihariko, abantu bakurikira bafatwa nk'abantu bafitanye isano:

a. umuntu ku giti cye hamwe n'uwo bashakanye, abo bakomokaho ku buryo

13° **first employer:** an employer who pays to an employee an annual professional income arising from a permanent work or from a longer contract than other employers may offer;

14° **employee:** any person who undertakes to work for another person for payment, under the supervision and in accordance with directives of his/her employer in relation with his/her work;

15° **person:** an individual, companies, de facto companies, cooperatives, partnerships, subsidiaries, permanent establishments and any other association of persons regardless of its status;

16° **related person:** any person who acts or is likely to act in accordance with the directives, opinion or wishes of another person when such directives, opinion or wishes are communicated or not communicated to them. In particular, the following persons are regarded as related person:

a. an individual and his/her spouse and their direct lineal ascendants or direct

13° **premier employeur:** employeur qui paie à l'employé un revenu professionnel annuel découlant d'un travail permanant ou d'un contrat plus long que d'autres employeurs peuvent offrir;

14° **employé:** toute personne qui s'est engagée à travailler pour une autre personne, moyennant une rémunération, sous la supervision et selon les directives de son employeur en rapport avec son travail;

15° **personne:** individu, sociétés, sociétés de fait, coopératives, sociétés en partenariat, filiales, établissements stables et toute autre association de personnes quelle que soit sa forme;

16° **personne liée:** toute personne qui agit ou est susceptible d'agir selon les directives, avis ou souhaits d'une autre personne lorsque ces directives, avis ou souhaits lui sont exprimés ou non. En particulier, les personnes suivantes sont considérées comme personnes liées:

a. une personne physique et son conjoint et leurs ascendants en ligne direct ou

butaziguye cyangwa ababakomokaho ku buryo butaziguye, n'abafitanye isano nabo ku buryo buziguye kugeza nibura ku gisanira cya 3;

b. umwe mu bantu ugira uruhare rutaziguye cyangwa ruziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro by'undi;

c. undi muntu ugira uruhare ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro cyangwa byombi by'undi;

d. abo bantu bavugwa mu gace ka a), b) na c) bagira uruhare ku buryo butaziguye cyangwa buziguye mu micungire, ubugenzuzi cyangwa igishoro by'ikigo;

17° **umusoreshwa:** umuntu wese wishyura umusoro hakurikijwe iri tegeko;

18° **umwuga wigenga:** umwuga ukorwa hashingiwe ku bumenyi bwihariye, mu buryo uwukora yigenga, atanga serivisi ku bo bafitanye amasezerano.

lineal descendants, and their relatives in the collateral lineage until at least the 3rd degree;

b. one of the persons who participates directly or indirectly in the management, control or capital of the other;

c. third person who participates directly or indirectly in the management, control or capital or both control and capital of another person;

d. such persons referred to under sub-items a), b) and c) who participate directly or indirectly in the management, control or capital of an enterprise;

17° **taxpayer:** any person who pays the tax in accordance with this Law;

18° **liberal profession:** profession exercised on the basis of special skills, in an independent manner, in offering services to the clients.

leurs descendants en ligne direct, et leurs parents en ligne collatérale jusqu'au 3ème degré au moins;

b. l'une des personnes qui participe directement ou indirectement dans la gestion, contrôle ou capital de l'autre;

c. une tierce personne qui participe directement ou indirectement dans la gestion, contrôle ou capital ou les deux d'une autre personne;

d. de telles personnes visées aux sous-points a), b) et c) qui participent directement ou indirectement dans la gestion, contrôle ou capital d'une entreprise;

17° **contribuable:** toute personne qui paie l'impôt aux termes de la présente loi;

18° **profession libérale:** profession exercée sur base de connaissances particulières, de façon indépendante, en offrant des services aux clients.

**Ingingo ya 4: Aho umuntu atuye**

Umuntu ku giti cye yitwa ko atuye mu Rwanda iyo yujuje kimwe muri ibi bikurikira:

1° afite aho atuye hahoraho mu Rwanda;

2° asanzwe abarizwa mu Rwanda;

3° ari Umunyarwanda uhagarariye u Rwanda mu mahanga.

Umuntu ku giti cye uba mu Rwanda iminsi irenze ijana na mirongo inani n'itatu (183) mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12), ku buryo bwa buri gihe cyangwa bugiye bunyuranamo, afatwa nk'utuye mu Rwanda mu gihe cy'umusoro ayo mezi cumi n'abiri (12) yarangiriyemo.

Utari umuntu ku giti cye, afatwa nk'utuye mu Rwanda mu gihe cy'umusoro iyo ari:

1° isosiyete cyangwa ishyirahamwe byashyizweho hakurikijwe amategeko y'u Rwanda;

**Article 4: Residence**

An individual is considered to be a resident in Rwanda if he/she fulfils one of the following conditions:

1° he/she has a permanent residence in Rwanda;

2° he/she has a habitual abode in Rwanda;

3° he/she is a Rwandan representing Rwanda abroad.

An individual who stays in Rwanda for more than one hundred eighty three (183) days in twelve (12) month period, either continuously or intermittently, is considered to be a resident in Rwanda for the tax period in which the twelve (12) month period has ended.

A person other than a natural person is considered to be a resident in Rwanda during a tax period if:

1° it is a company or an association established according to Rwandan laws;

**Article 4: Résidence**

Une personne physique est réputée résidente au Rwanda si elle remplit l'une des conditions suivantes:

1° avoir une résidence permanente au Rwanda;

2° avoir un domicile principal au Rwanda;

3° être Rwandais représentant le Rwanda à l'étranger.

Une personne physique qui séjourne au Rwanda durant plus de cent quatre-vingt-trois (183) jours au cours d'une période de douze (12) mois, continuellement ou de manière intermittente, est réputée résidente au Rwanda lors de la période imposable durant laquelle ces douze (12) mois ont pris fin.

Une personne autre qu'une personne physique, est réputée résidente au Rwanda au cours d'une période imposable si:

1° elle est constituée en société ou association conformément à la loi rwandaise;

2° afite icyicaro cy'ubuyobozi nyabwo mu Rwanda igihe cyose kijyana n'icyo gihe cy'umusoro;

3° isosiyete ya Leta y'u Rwanda.

Iteka rya Minisitiri rigena aho umuntu atuye hahoraho n'aho ubuyobozi nyabwo buri.

**Ingingo ya 5: Inkomoko y'umusaruro usoreshwa**

Umusaruro usoreshwa mu Rwanda ukomoka ku bikorwa bikurikira byakorewe mu Rwanda n'umuntu uwo ari we wese n'ibyakorewe mu mahanga n'umuntu utuye mu Rwanda:

1° serivisi n'akazi;

2° ibikorwa by'umunyabugeni, umuririmbyi, umuhanzi n'umukinnyi;

3° ibikorwa bya siporo, umuco n'imyidagaduro;

4° ibikorwa byakozwe n'umuntu udatuye mu Rwanda abinyujije mu cyicaro gihoraho mu Rwanda;

2° he/she has a place of effective management in Rwanda at any time during that tax period;

3° it is a Rwanda Government company.

An order of the Minister determines the person's permanent residence and the location of the effective place of management.

**Article 5: Source of taxable income**

Income taxable in Rwanda includes the following activities performed in Rwanda by any person and activities performed abroad by a resident of Rwanda:

1° services and employment;

2° activities of a crafts person, singer, artist and a player;

3° sports, cultural and leisure activities;

4° activities carried on by a non-resident through a permanent establishment in Rwanda;

2° elle a son lieu de direction effective au Rwanda au cours de la période imposable;

3° il s'agit d'une société de l'État rwandais.

Un arrêté du Ministre détermine la résidence permanente d'une personne et le lieu de direction effective.

**Article 5: Source de revenu imposable**

Le revenu imposable au Rwanda provient des activités suivantes exercées au Rwanda par toute personne et des activités exercées à l'étranger par un résident du Rwanda:

1° services et emplois;

2° activités d'un artisan, chanteur, artiste et d'un joueur;

3° activités sportives, culturelles et de loisir;

4° activités exercées par un non-résident par le biais d'un établissement stable au Rwanda;

| | | |
|---|---|---|
| 5° ikoresha, igurisha, ikodesha n'itanga nta kiguzi by'imitungo yimukanwa ikoreshwa mu bucuruzi; | 5° use, sale, lease and free transfer of business movable assets; | 5° utilisation, vente, location et cession à titre gratuit des biens mobiliers à usage commercial; |
| 6° ikoresha, igurisha, ikodesha n'itanga nta kiguzi by'imitungo itimukanwa ibarirwa mu bucuruzi; | 6° sale, lease and free transfer of immovable assets allocated to the business; | 6° vente, location et cession à titre gratuit des biens immobiliers affectés au commerce; |
| 7° ibikorwa by'ubuhinzi, ubworozi, uburobyi n'amashyamba; | 7° crop farming, animal farming, fishing and forestry activities; | 7° activités agricoles, d'élevage, de pêche et forestières; |
| 8° uburagizwe n'ubundi burenganzira bushingiye ku mutungo utimukanwa n'igurishwa ryabyo, iyo ubwo burenganzira bubarirwa mu bucuruzi; | 8° usufruct and other rights attached to immovable assets and their sale if such rights are allocated to the business; | 8° usufruit et autres droits attachés aux biens mobiliers ainsi que leur vente si ces droits sont affectés au commerce; |
| 9° ishoramari mu migabane y'amasosiyete; | 9° investments in shares of companies; | 9° investissements en actions de sociétés; |
| 10° igurisha cyangwa itanga ry'imigabane n'imigabane nguzanyo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye; | 10° direct or indirect sale or transfer of shares or debentures; | 10° vente ou cession directe ou indirecte des actions ou des obligations; |
| 11° ihindurwa ry'inyungu mu migabane ryongera igishoro cy'abafatanyije ibikorwa; | 11° change of profits into shares that increases the capital of partners; | 11° transformation de bénéfices en actions augmentant le capital des associés; |
| 12° igabana ry'inyungu hagati y'abafatanyije ibikorwa; | 12° distribution of profits among partners; | 12° répartition des bénéfices entre les associés; |
| 13° iguriza, ibitsa ry'amafaranga n'ibindi bikorwa bisa na byo bibyara inyungu; | 13° lending, deposits and other similar income-generating activities; | 13° prêt, dépôt des fonds et autres activités similaires génératrices de revenus; |

14° itanga, igurisha n'ikodesha ry'impushya zo gukora no gukoresha umutungo bwite mu by'ubwenge;

15° ibindi bikorwa byose bibyara umusaruro.

Icyakora, amafaranga yose yishyurwa n'umuntu utuye mu Rwanda kuri serivisi zakorewe mu mahanga, uretse izakiriweyo, ni umusaruro usoreshwa.

**Ingingo ya 6: Icyicaro gihoraho**

Muri iri tegeko, kimwe muri ibi bikurikira gifatwa nk'icyicaro gihoraho:

1° aho imirimo y'ubutegetsi ikorerwa;

2° ishami;

3° uruganda cyangwa ahakorerwa imirimo y'imyuga;

4° ahacukurwa amabuye y'agaciro, kariyeri cyangwa ahandi hose hagenewe kubyazwa umutungo kamere;

5° ahantu hagomba kubakwa, hubakwa cyangwa ahakorerwa imirimo

14° transfer, sale and lease of intellectual property;

15° any other income generating activities.

However, all payments made by a resident of Rwanda on services performed abroad, other than those consumed abroad, constitute a taxable income.

**Article 6: Permanent establishment**

For the purposes of this Law, one of the following areas is considered as a permanent establishment:

1° a place of management;

2° a branch;

3° a factory or a workshop;

4° a mine, a quarry or any other place for an exploitation of natural resources;

5° a site set for construction, construction site or a place where supervision or assembly works are carried out;

14° cession, vente et location de la propriété intellectuelle;

15° toutes autres activités génératrices de revenus.

Toutefois, tous les paiements effectués par un résident du Rwanda sur les services prestés à l'étranger, à l'exclusion de ceux consommés à l'étranger, constituent un revenu imposable.

**Article 6: Établissement stable**

Aux fins de la présente loi, un des lieux suivants est considéré comme un établissement stable:

1° lieu de services administratifs;

2° une succursale;

3° une usine ou un atelier;

4° une mine, une carrière ou tout autre lieu d'exploitation de ressources naturelles;

5° un site prévu pour la construction, un chantier ou tout lieu où des travaux de

y'ubugenzuzi cyangwa iyo guteranya ibintu;

6° ahatangirwa serivisi, harimo na serivisi z'impuguke, bikozwe n'umuntu ubwe, akoresheje abakozi cyangwa abandi bantu, mu gihe kirengeje iminsi mirongo cyenda (90) mu mezi cumi n'abiri (12), ku buryo bwa buri gihe cyangwa bugiye bunyuranamo.

Umuntu afatwa nk'aho atari icyicaro gihoraho iyo:

1° akoresha inyubako kugira ngo abikemo gusa ibintu cyangwa ibicuruzwa bye;

2° afite ububiko bw'ibintu cyangwa ibicuruzwa bye agamije gusa kubibika;

3° abika ibintu cyangwa ibicuruzwa bye agamije gusa ko bihindurwa n'undi muntu;

4° afite ahantu hamwe akorera agamije gusa kugura ibintu cyangwa ibicuruzwa cyangwa gutara amakuru yerekeye ubucuruzi bwe;

6° place of provision of services, including consulting services, carried on by a person, with the support of employees or other personnel, for more than ninety (90) days in a twelve (12) month period, either continuously or intermittently.

A person is considered as not to be a permanent establishment if that person:

1° uses facilities solely for the purpose of storage of goods or merchandise belonging to him/her;

2° maintains a stock of goods or merchandise belonging to him/her solely for the purpose of storage;

3° maintains a stock of goods or merchandise belonging to him/her solely for the purpose of processing by another person;

4° has a place of operation aimed purposely at purchasing goods or merchandise or collecting information related to his/her business;

supervision et d'assemblage sont effectués;

6° lieu de prestation de services, y compris les services de consultance effectués par une personne, à l'aide des employés ou d'autres personnes, durant plus de quatre-vingt-dix (90) jours au cours d'une période de douze (12) mois, continuellement ou de manière intermittente.

Une personne est considérée comme n'étant pas un établissement stable si:

1° elle utilise une installation uniquement à des fins de stockage de biens ou de marchandises qui lui appartiennent;

2° elle garde un stock de biens ou de marchandises qui lui appartiennent uniquement à des fins de stockage;

3° elle garde un stock de biens ou de marchandises qui lui appartiennent uniquement à des fins de transformation par une autre personne;

4° elle dispose d'une installation fixe uniquement pour l'achat de biens ou de marchandises ou pour la collecte d'informations relatives à ses activités d'affaires;

5° afite ahantu akorera agamije gusa, mu rwego rw'imirimo ye, gukora ibindi byose bijyanye no kuyitegura cyangwa bituma irushaho gukorwa neza.

Hatitawe ku biteganywa mu gace ka 1° n'aka 2° tw'igika cya 2 cy'iyi ngingo, iyo umuntu, uretse uwigenga, urebwa n'agace ka 5° k'igika cya 2 cy'iyi ngingo, akora akorera undi muntu kandi akaba asanzwe afite ubushobozi bwo gukora amasezerano mu izina ry'uwo muntu akorera, uwo muntu ukoresha afatwa nk'aho afite icyicaro gihoraho ku bijyanye n'imirimo umuhagarariye amukorera, keretse iyo iyo mirimo y'umuhagarariye igarukira ku mirimo ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

Umuntu afatwa nk'aho atari icyicaro gihoraho iyo akora gusa imirimo abinyujije ku muranga mu bucuruzi, ku muntu uba yatumwe muri rusange cyangwa undi muntu wese wigenga, hakurikijwe gusa ko uwo muntu akora mu buryo asanzwe akoramo imirimo ye.

Kuba isosiyete igenzura cyangwa igenzurwa n'indi sosiyete ntibihagije ngo imwe muri zo ibe icyicaro gihoraho cy'iyindi.

5° has a place of operation solely for the purpose of performing, within the context of his/her activities, any other activities of a preparatory nature or intended to make them more effective.

Subject to the provisions of items 1° and 2° of Paragraph 2 of this Article, where a person except an independent person, concerned with item 5° of Paragraph 2 of this Article acts on behalf of a person and who has capacity to make contracts in the name of that person, that person is considered as if he/she owns a permanent establishment in respect of activities his/her agent undertakes for the person except if such activities of the agent are limited to those mentioned in Paragraph 2 of this Article.

A person is not considered as a permanent establishment if he/she only carries out activities through a broker, general commission agent or any other private agent in accordance with procedures of the ordinary course of the activities of such an agent.

The fact that a company controls or is controlled by another company shall not of itself constitute either company a permanent establishment of the other.

5° elle dispose d'une installation fixe uniquement aux fins d'exercer, dans le cadre de ses activités, toute autre activité à caractère préparatoire ou auxiliaire.

Sous réserve des dispositions des points 1° et 2° de l'alinéa 2 du présent article, lorsqu'une personne, autre qu'une personne à statut indépendant relevant du point 5° de l'alinéa 2 du présent article, agit pour le compte d'une autre personne et est habilitée à conclure des contrats au nom de cette autre personne, celle-ci est traitée comme ayant un établissement stable en ce qui concerne les activités que l'agent entreprend pour le compte de cette personne à moins que lesdites activités de l'agent se limitent à celles qui sont mentionnées à l'alinéa 2 du présent article.

Une personne n'est pas traitée comme ayant un établissement stable lorsqu'elle ne réalise que ses activités par un courtier, un commissionnaire ou tout autre agent à statut indépendant, pourvu que cet agent agisse dans l'exercice normal de ses fonctions.

Le fait qu'une société contrôle ou est contrôlée par une autre société ne suffit pas, en elle-même, à faire de l'une quelconque de ces sociétés un établissement stable de l'autre.

**Ingingo ya 7: Isubizwa ry'imisoro yishyuwe mu mahanga**

Iyo mu gihe cy'umusoro umuntu utuye mu Rwanda abonye umusaruro uturutse mu bikorwa bisoreshwa akorera mu mahanga, hakurikijwe ingingo ya 4 n'iya 5 z'iri tegeko, umusoro ku musaruro ubarwa hakuwemo umusoro wishyuwe mu mahanga kuri uwo musaruro. Ingano y'uwo musoro wishyuwe mu mahanga wemerwa ari uko herekanywe ibimenyetso bigaragara nk'imenyekanisha ry'umusoro, nk'icyemezo cy'umusoro ufatirwa cyangwa indi nyandiko imeze nka byo yemewe.

Icyakora, ikurwamo ry'umusoro ku musaruro riteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ntirishobora kurenga umusoro wagombye kwishyurwa mu Rwanda kuri uwo musaruro uturutse mu mahanga.

**Ingingo ya 8: Igihe cy'umusoro**

Umusoro ubarwa mu gihe cy'umwaka usanzwe, uhera ku itariki ya mbere Mutarama kugeza ku ya 31 Ukuboza.

Iyo abisabwe mu nyandiko, Minisitiri ashobora kwemerera mu nyandiko umusoreshwa gufata ikindi gihe cy'amezi

**Article 7: Foreign tax credit refund**

If during a tax period, a resident in Rwanda generates income derived from taxable activities performed abroad, in accordance with Articles 4 and 5 of this Law, the income tax payable by that resident in respect of that income is reduced by the amount of foreign tax payable on such income. The amount of foreign tax payable shall be substantiated by appropriate evidence such as tax declaration, a withholding tax certificate or other similar acceptable document.

However, the reduction of the income tax provided for under Paragraph one of this Article shall not exceed the tax payable in Rwanda on income from abroad.

**Article 8: Tax period**

The tax is calculated for the calendar year, which starts on 1 January and ends on 31 December.

Upon written request, the Minister may allow in writing a taxpayer to apply any other twelve

**Article 7: Remboursement du crédit d'impôt étranger**

Si au cours de la période imposable, un résident du Rwanda perçoit un revenu des activités imposables exercées à l'étranger, suivant les dispositions des articles 4 et 5 de la présente loi, l'impôt payable par ce résident au titre de ce revenu est réduit du montant de l'impôt étranger payable sur ce revenu. Le montant de l'impôt étranger payable est prouvé par des justificatifs, tels qu'un avis d'imposition, un certificat de retenue ou autre document similaire acceptable.

Toutefois, la réduction d'impôt prévue à l'alinéa premier du présent article ne peut pas être supérieure à l'impôt qui aurait été prélevé au Rwanda au titre du revenu de source étrangère.

**Article 8: Période imposable**

L'impôt est calculé pour une année civile et débute le premier janvier et se termine au 31 décembre.

Sur demande écrite, le Ministre peut autoriser par écrit le contribuable de prendre une autre période de douze (12) mois comme période

cumi n'abiri (12) nk'igihe cye cy'umusoro, iyo yujuje ibi bikurikira:

1° ari ikigo cyishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete;

2° asabwa gukora ibaruramari akurikije amahame y'ibaruramari yemewe;

3° agaragaza impamvu zifatika zo guhindura igihe cye cy'umusoro.

Iyo igihe cy'umusoro cy'umusoreshwa gihindutse, igihe cyo kuva ku ntangiriro y'igihe cy'umusoro gisanzwe kugeza igihe iryo hinduka ribereyeho gifatwa nk'igihe cy'umusoro gisanzwe kikanasoreshwa ukwacyo.

**UMUTWE WA II: UMUSORO KU MUSARURO W'UMUNTU KU GITI CYE**

**Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange**

**Ingingo ya 9: Ishingiro ry'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye**

Umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye uvanwa ku musaruro we wa buri mwaka.

(12) months period as a tax period, if the taxpayer fulfils the following conditions:

1° he/she is an entity subject to corporate income tax;

2° he/she is required to keep books of accounts according to generally accepted accounting principles;

3° he/she presents sound reasons to change his/her tax period.

Where a taxpayer's tax period changes, the period from the start of the usual tax period to the date of such a change is considered as a usual tax period and is separately subject to taxation.

**CHAPTER II: PERSONAL INCOME TAX**

**Section One: General provisions**

**Article 9: Base of personal income tax**

The personal income tax shall be levied on an individual annual income.

imposable, s'il remplit les conditions suivantes:

1° il est une entité assujettie à l'impôt sur les bénéfices des sociétés;

2° il tient ses livres et registres comptables selon les principes comptables généralement reconnus;

3° il présente des raisons solides de modifier sa période imposable.

Lorsque la période imposable d'un contribuable est modifiée, la période allant du début de la période imposable habituelle à la date du changement est traitée comme une période imposable habituelle et est distinctement assujettie à l'impôt.

**CHAPITRE II: IMPÔT SUR LE REVENU D'UNE PERSONNE PHYSIQUE**

**Section première: Dispositions générales**

**Article 9: Base de l'impôt sur le revenu d'une personne physique**

L'impôt sur le revenu d'une personne physique est prélevé sur le revenu perçu par une personne physique par an.

**Ingingo ya 10: Inshingano z'urebwa n'umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye**

Buri gihe cy'umusoro, umusoreshwa utuye mu Rwanda yishyura umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye ufite inkomoko mu gihugu no mu bikorwa bisoreshwa akorera mu mahanga, hakurikijwe ingingo ya 4 n'iya 5 z'iri tegeko.

Umusoreshwa udatuye mu Rwanda yishyura gusa umusoro ku musaruro w'umuntu ku giti cye ufite inkomoko mu Rwanda.

**Ingingo ya 11: Umusaruro usoreshwa**

Umusaruro usoreshwa ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° akazi;

2° ibikorwa by'ubucuruzi;

3° ishoramari;

4° agaciro kiyongereye;

**Article 10: Obligations of the taxpayer of personal income tax**

Each tax period, a resident taxpayer is liable to personal income tax from all domestic and foreign sources in accordance with Articles 4 and 5 of this Law.

A non-resident taxpayer is only liable to personal income tax which has a source in Rwanda.

**Article 11: Taxable income**

Taxable income derives from the following:

1° employment;

2° business activities;

3° investment;

4° capital gain;

**Article 10: Obligations du contribuable sur le revenu de la personne physique**

Chaque période imposable, le contribuable résidant au Rwanda est redevable de l'impôt sur le revenu de la personne physique imposable de source nationale et étrangère, conformément aux dispositions de l'article 4 et 5 de la présente loi.

Un contribuable ne résidant pas au Rwanda est redevable de l'impôt sur le revenu de la personne physique uniquement de source rwandaise.

**Article 11: Revenu imposable**

Le revenu imposable provient de ce qui suit:

1° l'emploi;

2° les activités commerciales;

3° les investissements;

4° la plus-value;

5° ikoresha, igurisha, ikodesha cyangwa itanga nta kiguzi by'umutungo utimukanwa ubarirwa mu bucuruzi;

6° ikoresha, igurisha, ikodesha cyangwa itanga nta kiguzi by'imitungo yimukanwa ikoreshwa mu bucuruzi.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Igipimo cy'umusoro**

Umusaruro usoreshwa ubarwa ku mubare uburungushuye w'amafaranga y'u Rwanda igihumbi (1.000 Frw) kandi ugasoreshwa ku nyungu nyakuri hakurikijwe imbonerahamwe ikurikira:

| **Inyungu y'umwaka itangwaho umusoro (Frw)** | | **Igipimo cy'umusoro** |
|---|---|---|
| Kuva | Kugera | |
| 0 | 360.000 | 0% |
| 360.001 | 1.200.000 | 20% |
| 1.200.001 | Kuzamura | 30% |

Icyakora, umusoro ucishirije, ungana n'atatu ku ijana (3%) y'ibyacurujwe mu mwaka, utangwa na ba nyir'ibikorwa by'ubucuruzi biciriritse.

5° use, sale, lease or free transfer of an immovable property allocated to the business;

6° use, sale, lease or free transfer of movable property allocated to the business.

**<u>Article 12</u>: Tax rate**

Taxable income is rounded to the nearest thousand (Frw 1,000) Rwandan francs and taxed following the real profit according to the following table:

| **Annual taxable profit (FRW)** | | **Tax rate** |
|---|---|---|
| From | To | |
| 0 | 360,000 | 0% |
| 360,001 | 1,200,000 | 20% |
| 1,200,0001 | More | 30% |

However, small enterprises must pay a lump sum tax of three percent (3%) on annual turnover.

5° l'utilisation, vente, location ou cession à titre gratuit d'une propriété immobilière affectée au commerce ;

6° l'utilisation, vente, location ou cession à titre gratuit de propriétés mobilières affectées au commerce.

**<u>Article 12</u>: Taux d'imposition**

Le revenu imposable est arrondi au millier de francs rwandais (1.000 Frw) le plus proche et imposé suivant le profit réel selon le tableau suivant:

| **Profit annuel taxable (FRW)** | | **Taux d'imposition** |
|---|---|---|
| De | A | |
| 0 | 360,000 | 0% |
| 360,001 | 1,200,000 | 20% |
| 1,200,0001 | Plus | 30% |

Cependant, un taux d'imposition forfaitaire de trois pour cent (3%) est applicable au chiffre d'affaires annuel des petites entreprises.

Ba nyir'ibikorwa by'ubucuruzi biciriritse bashobora gusaba kureka gusoreshwa ku nyungu zicishirije, bagahitamo gusoreshwa umusoro ku nyungu nyakuri, iyo biyemeje gukora ibaruramari rikurikije amategeko abigenga. Iyo bahisemo gusora ku nyungu nyakuri, bagomba kubimenyesha Ubuyobozi bw'Imisoro, kandi icyo cyemezo ntigihinduka mu gihe cy'imyaka itatu (3) uhereye igihe bamenyeshereje Ubuyobozi bw'Imisoro uburyo bahisemo.

Ibikorwa by'ubucuruzi bito bitewe n'umubare w'ibyacurujwe mu mwaka byishyura umusoro ukomatanyije nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| **Umubare w'ibyacurujwe mu mwaka** | **Umusoro ukomatanyije ugomba kwishyurwa ku mwaka mu mafaranga y'u Rwanda** |
|---|---|
| Kuva kuri 2.000.000 kugera kuri 4.000.000 | 60.000 |
| Kuva kuri 4.000.001 kugera kuri 7.000.000 | 120.000 |

Small enterprises may renounce to the lump sum imposition by opting for the real regime in carrying out accounting in compliance with relevant laws. When they opt for the real regime, they must inform the Tax Administration and this decision is irrevocable for a period of three (3) years starting from the date the Tax Administration was informed thereof.

Micro-enterprises following their annual turnover must pay the flat amount of tax as per the following table:

| **Annual turnover** | **Annual flat amount of tax due in Rwandan francs** |
|---|---|
| From 2.000.000 to 4.000.000 | 60.000 |
| From 4.000.001 to 7.000.000 | 120.000 |

Les petites entreprises peuvent renoncer au régime d'imposition forfaitaire en optant pour le régime réel avec la tenue d'une comptabilité conforme à la législation en la matière. Lorsqu'elles optent pour le régime réel, elles doivent en informer l'Administration fiscale et cette décision est irrévocable pour une période de trois (3) ans à compter de la date à laquelle l'Administration fiscale en a été informée.

Les micro-entreprises suivant leur chiffre d'affaires annuel payent la taxe globale telle que présentée dans le tableau ci-après:

| **Chiffre d'affaires annuel** | **Taxe globale annuelle à payer en francs rwandais** |
|---|---|
| De 2.000.000 à 4.000.000 | 60.000 |
| De 4.000.001 à 7.000.000 | 120.000 |

| | |
|---|---|
| Kuva kuri 7.000.001 kugera kuri 10.000.000 | 210.000 |
| Kuva kuri 10.000.001 kugera kuri 12.000.000 | 300.000 |

| | |
|---|---|
| From 7.000.001 to 10.000.000 | 210.000 |
| From 10.000.001 to 12.000.000 | 300.000 |

| | |
|---|---|
| De 7.000.001 à 10.000.000 | 210.000 |
| De 10.000.001 à 12.000.000 | 300.000 |

Ibiteganyijwe mu gika cya 2 n'icya 4 by'iyi ngingo ntibikurikizwa ku muntu wese ukora umwuga wigenga.

Bitabangamiye uburenganzira bwo gusora ku nyungu nyakuri, ibikorwa byo gutwara abantu n'ibintu mu nzira y'ubutaka bicibwa umusoro ukomatanyije ubarwa mu buryo bugaragara ku mugereka w'iri tegeko.

**Ingingo ya 13: Imenyekanisha ry'umusoro**

Umuntu ku giti cye ukora ibikorwa bibyara umusaruro usoreshwa ategura imenyekanisha ry'umusoro ry'umwaka akurikije uburyo bugenwa n'Ubuyobozi bw'Imisoro, akageza iryo menyekanisha ry'umusoro ku Buyobozi bw'Imisoro bitarenze ku itariki ya 31 Werurwe y'igihe cy'umusoro gikurikiyeho.

The provisions of Paragraphs 2 and 4 of this Article are not applicable to any person who exercises a liberal profession.

Without prejudice to the right to be governed by the real profit tax regime, the activities of road transport of persons and goods shall be imposed a flat amount of tax determined as indicated in the annex to this Law.

**Article 13: Tax declaration**

An individual who carries out taxable income generating activities prepares an annual tax declaration in accordance with procedures specified by the Tax Administration and he/she presents the declaration to the Tax Administration not later than 31st March of the following tax period.

Les dispositions des alinéas 2 et 4 du présent article ne sont pas applicables à toute personne qui exerce une profession libérale.

Sans préjudice du droit d'être assujetti au régime de l'impôt sur le profit réel, les activités de transport routier des personnes et des biens sont imposées d'une taxe globale déterminée tel qu'indiqué dans l'annexe à la présente loi.

**Article 13: Déclaration d'impôt**

Toute personne physique exerçant des activités génératrices de revenus imposables prépare une déclaration annuelle selon la procédure spécifiée par l'Administration fiscale et la transmet à l'Administration fiscale au plus tard le 31 mars de la période imposable suivante.

Umuntu ku giti cye ukora ibikorwa bibyara umusaruro ageza imenyekanisha ry'umusoro rye rya buri mwaka ku Buyobozi bw'Imisoro, riherekejwe n'ifoto y'umutungo n'inyandiko y'ibaruranyungu cyangwa ibaruragihombo muri icyo gihe cy'umusoro, biriho imigereka yakozwe hakurikijwe ibisabwa n'amahame y'ibaruramari yemewe, hamwe n'indi nyandiko yose ya ngombwa ijyanye na yo isabwa n'Ubuyobozi bw'Imisoro.

Icyakora, umusoreshwa ugejeje ku mubare w'ibyacurujwe ku mwaka ugenwa n'iteka rya Minisitiri, asabwa kunyuza imenyekanisha ry'umusoro ry'umwaka n'ibaruramari bye ku mwunganira wabigize umwuga kandi wemewe n'Ubuyobozi bw'Imisoro.

Umusoreshwa udasabwa gukora imenyekanisha ry'umusoro rya buri mwaka rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni ubona gusa:

1° umusaruro ukomoka ku kazi;

2° umusaruro ku ishoramari ufatirwaho umusoro.

Umuntu ku giti cye utuye mu Rwanda wakira umusaruro ukomoka ku kazi awuhawe n'abakoresha barenze umwe cyangwa wakira undi musaruro ukomoka ku kazi, ashobora

An individual who carries out taxable income generating activities files his/her annual tax declaration to the Tax Administration, accompanied by the balance sheet, profit and loss account for that tax period with annexes thereto drawn according to the requirements of the generally recognised accounting principles, and any other relevant document required by the Tax Administration.

